# Jya uhozaho kubamira Allah kenshi, kubera ko ntabwo uzubamira Allah inshuro imwe usibye ko azakuzamura mu ntera, akanakubabarira ibyaha

Hadith yaturutse kwa Ma'adana Ibun Abi Twal'hat Al Ya'amariyu yaravuze ati: Nahuye na Thawbani, waheshejwe ubwigenge n'Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha), nuko ndamubwira nti: Mbwira igikorwa nakora Allah akazanyinjiza mu ijuru? Cyangwa se yaravuze ati: Naravuze nti: Igikorwa Allah akunda kuruta ibindi, nuko araceceka, ndongera ndabimubaza araceceka, ndongera ndabimubaza bwa gatatu araceceka, maze arambwira ati: Ibyo umbajije nabibajije Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) maze irambwira iti: "Jya uhozaho kubamira Allah kenshi, kubera ko ntabwo uzubamira Allah inshuro imwe usibye ko azakuzamura mu ntera, akanakubabarira ibyaha" Ma'adanu yaravuze ati: Hanyuma naje guhura na Abu A-Darda-i ndabimubaza maze ambwira nk'ibyo Thawbanu yambwiye.
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yabajijwe igikorwa cyaba impamvu y'uko umuntu azinjira mu ijuru cyangwa se yabajijwe igikorwa Allah akunda kuruta ibindi? Nuko Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) ibwira uwari uyibajije iti: Jya uhozaho kubamira Allah mu iswalat, kubera ko iyo wubamye kubera Allah akuzamura mu ntera, ndetse akanakubabarira ibyaha.

https://sunnah.global/hadeeth/rw/show/3732